**INYANDIKO-MVUGO Y' INAMA YA KOMITE TEKINIKI ITEGURA IBARURA RY'ABAZIZE ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSE MBA RYO KU ITARIKI YA 01/10/1990-31/12/1994.**

Tariki 01 ~~Ukwakira~~ Ukuboza 1999, mu cyumba cya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, habereye inama yahuje abagize Komite Tekiniki y'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba bahagarariye Minisiteri zimwe na zimwe na bimwe mu bigo bya Leta byabishinzwe.

Iyo nama yayobowe na Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène wo muri MINALOC akaba n'Umuyobozi wa Komite Tekiniki y'icyo gikorwa.

Abari mu nama (reba ku mugereka).

## I. <u>KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA :</u>

1. Gusuzuma no kuzuza ingengo y'imari yateguwe na MINALOC izakoreshwa mu gikorwa cy'ibarura (Révision Budgétaire)
2. Kungurana ibitekerezo ku mitunganyirize y'ibikorwa by'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembamba.
3. Gutegura ingengabihe y'ibikorwa by'ibarura.

## II. <u>UKO INAMA YAGENZE.</u>

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri izi ngingo 3, abari mu nama bageze ku myanzuro ikurikira :

### <u>Ku ngingo ya mbere</u>

1. Kongera ingengo y'imari yateganyijwe mu ikoresha ry'ibarura, kubera ko byagaragaye ko hari ibikorwa bisaba amafaranga arenze ayateganyijwe.

2. MINALOC yasabwe gufunguza konti muri B.N.R. y'umuhinga no gusaba MINECOFIN kushyiraho amafaranga yemejwe.
   Icyo gikorwa kizakurikiranwa na Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène.

3. Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène niwe ushinzwe gukurikirana ifungurwa rya konti muri B.N.R. no kubonana n'umuyobozi w'ikigega cy'abacitse kw'icumu kugirango cyunganire MINECOFIN muri icyo gikorwa .

4. Gushyira umukono kuri sheki y'amafaranga azakoreshwa mu ibarura, byashinzwe Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène, umunyamabanga Mukuru muri MINALOC n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange muri MINALOC ; hazanashyirwaho umukozi ushinzwe Ubunyamabanga n'ibaruramamari (Secrétaire Comptable) w'umushinga.

5. Komite Tekiniki yifuje ko amafaranga y'urugendo n'icumbi yakwiyongera bitewe n'uburemere bw'akazi.

**<u>Ku ngingo ya kabiri.</u>**

Abagize komite tekiniki bagabanijwe mu matsinda :

1. Ba Bwana GAFISHI na GATANGURIYA bashinzwe kunoza ifishi y'ibibazo, kumenya ibiciro by'ibintu bikenewe biri kungengo y'imari y'igikorwa.

2. Ba Bwana RUGEMINTWAZA Népomuscène, MUHOZA Christophe na NKAKA Raphaël, bashinzwe imitunganyirize y'amahugurwa (Organisation de formation).

3. Madame Emilienne, Bwana RUKAMIRWA Moïse n'umukozi uzava muri MININTER bashinzwe gutegura amabwiriza azatangwa mbere yo guhitamo abazakora ibarura.

4. Guhugura no gukangurira abantu kwitabira icyo gikorwa cy'ibarura bizakorwa na Komite Tekinike yose.

5. Komite Tekiniki yemeje ko hazajya hakorwa isuzuma ry'ibyavuye mu ibarura, bigakorwa na Komite Jyanama ya Segiteri.

**<u>Ku ngingo ya gatatu.</u>**

1. Buri tsinda rizakora ingengabihe y'ibikorwa rishinzwe, isuzumwe mu nama ya Komite Tekiniki.

2. Mu nama y'ubutaha, hazashyirwaho iminsi y'igerageza ry'ibibazo mu makomini atatu.

3. Komite Tekiniki izajya iterana buri wakabiri nu wagatanu w'icyumweru guhera saa ine (10 h 00). Ayo manama azaba agamije gusuzuma ibyagezweho no kugabana imirimo.

4. Hemejwe kandi ko mu nama y'ubutaha Komite Tekiniki izahitamo umukozi wa Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda bazakora iyamamaza ry'ibarura.

Mu gusoza inama, komite tekinike yiyemeje kugira ibanga muri icyo gikorwa cy'ibarura.

Inama yatangiye saa ine na cumi n'itanu isoza saa sita na makumyabiri.

Bikorewe i Kigali, kuwa 03/12/1999

**<u>Umuyobozi w'Inama</u>** : **<u>Umwanditsi w'Inama</u> :**

*RUGEMINTWAZA Népomuscène* *RUKAMIRWA Moïse*